Republic of Rwanda

Edition 2009

IGITABO GIKUBIYEMO SERIVISI ZIHABWA ABATURAGE

# Citizen's Charter



## IBIRO BISHINZWE ABINJIRA (RUBAVU)

**IRIBURIRO**

Nshimishijwe no kubagezaho igitabo gikubiyemo serivisi zitangwa n'Ibiro by'Akarere ka Rubavu bishinzwe Abinjira mu Gihugu.

Iki gitabo kikaba cyarateguwe hashingiwe kuri gahunda y'ivugurura ry'Inzego z'Imirimo ya Leta, kikaba kigamije gusubiza ibyifuzo by'Abaturage, gukorera mu mucyo no gukangurira abakozi kwita ku nshingano zabo bubahiriza ibyo bagomba gukorera abaturage.

Kirerekana kandi inshingano z'Ibiro by'Akarere ka Rubavu bishinzwe Abinjira mu Gihugu, kikagaragaza serivisi zitangwa n'ibisabwa kugira ngo uhabwe izo serivisi n'Urwego cyangwa Ishami rishinzwe Gusaba izo serivisi.

Ishyirwaho ry'iki gitabo rirerekana ubushake bwacu bwo kwakira neza abatugana hagamijwe kugirana nabo umushyikirano no guha imbaraga ibijyanye no Gusaba serivisi nziza.

**Umuyobozi Mukuru**

## I. ICYEREKEZO

Kubaka u Rwanda nk'Igihugu gitekanye, buri wese yisangamo kandi giteye imbere muri byose.

## II. INTEGO

Kugira Igihugu cyorohereza iterambere, ishoramari, ubukerarugendo n'iterambere ry'ubumenyingiro binyuze mu gukora nk'abanyamwuga no gutanga serivisi nziza.

## III. UBURENGANZIRA BW'ABATUGANA

Abatugana bafite uburenganzira bwo:

- Kwakirwa neza, kugaragarizwa ikinyabupfura, kwitabwaho no kubahwa
- Guhabwa amakuru yose ajyanye na serivisi dutanga
- Gusaba kurenganurwa n'Abayobozi Bakuru
- Kujuririra imyanzuro yafashwe n'abayobozi
- Kubanziriza abandi mu guhabwa serivisi mu gihe utwite, urembye, ufite imbaraga nke,ufite ubumuga, etc
- Guhabwa serivisi ahantu heza kandi mu mutekano uzira amacyemwa

## IV. IMICO Y'INGENZI ITURANGA

Imico y'ingenzi iranga Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Abinjira n'Abasohoka ni:

- ubunyangamugayo
- ikinyabupfura
- Ubudashyikirwa
- Ubwumvikane
- Ubunyamwuga
- ubushishozi

## V. SERIVISI ZITANGWA N'IBIRO BY'AKARERE KA RUBAVU BISHINZWE ABINJIRA MU GIHUGU

### 1. GUSABA ICYANGOMBWA CY'INZIRA CY'UMURYANGO W'IBIHUGU BY'IBIYAGA BIGARI (CPGL)

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?** | Abanyamahanga bafite uburenganzira bwo kuba mu Rwanda nibuze igihe kingana n'imyaka ibiri ndetse n'Abanyarwanda bashobora gusaba icyangombwa cy'inzira cy'UMURYANGO W'IBIHUGU BY'IBIYAGA BIGARI (CPGL). Iki cyangombwa cyorohereza Abanyamahanga gutembera mu Gihugu cy'U Burundi na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo. Abafite iki cyangombwa ntibiririrwa basabwa kwishyura amafaranga asanzwe atangwa kuri viza. |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba, kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Umunsi umwe (1) |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Amafaranga yo kwishyura Icyangombwa angana n'amadorari 10 y'Amanyamerika (10 USD) |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | • Ibaruwa isaba icyangombwa<br>• Icyangombwa cy'Abagenda mu Mahanga (Urwandiko rw'abajya mu mahanga) na Viza bifite agaciro<br>• Icyangombwa (Green cards) cyatanzwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu<br>• Amafoto abiri magufi y'ibara<br>• Kopi y'ipaji ya mbere, iya viza na kopi ya paji iriho umwirondoro bya urwandiko rw'abajya mu mahanga<br>• Inyemezabwishyu itangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro. |
| **Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?** | Kugira ngo ubone Icyangombwa cy'inzira cy'UMURYANGO W'IBIHUGU BY'IBIYAGA BIGARI (CPGL), ujya ku Biro by'Abinjira mu Gihugu byo ku Karere ukabonana n'Umukozi ubishinzwe.<br>• Kwandika ibaruwa isaba Icyangombwa cy'inzira cya UMURYANGO W'IBIHUGU BY'IBIYAGA BIGARI (CPGL)<br>• Komekaho kopi ya *Green Card,* amafoto abiri magufi y'ibara, kopi y'ipaji ya mbere, iya viza na kopi ya paji iriho umwirondoro bya urwandiko rw'abajya mu mahanga.<br>• Kwishyura amafaranga ahwanye n'amadorari y'Abanyamerika 10 kuri Banki cyangwa ku Kigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro hanyuma ukomeka resi ku bindi byangombwa.<br>• Gushyikiriza ibyo byangombwa byose ku Biro bishinzwe Abinjira, bikagenzurwa, basanga byuzuye ugasabwa kugaruka umunsi ukurikiyeho gufata Icyangombwa cy'inzira cy'UMURYANGO W'IBIHUGU BY'IBIYAGA BIGARI (CPGL). |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro. |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Nta buryo bwo kurenganurwa buteganyijwe. |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Icyangombwa cy'inzira cya UMURYANGO W'IBIHUGU BY'IBIYAGA BIGARI (CPGL) gitangwa gusa ku baturage b'Akarere ka Rubavu; mu tundi Turere ntigitangwa. U Rwanda rwabaye ruhagaritse Gusaba iki cyangombwa mu gihe hategerejwe ishyirwaho ry'Icyangombwa gisa ku Bihugu byose bigize Umuryango w'Ibihugu by'Ibiyaga Bigari (CPGL) |
| **Impapuro zuzuzwa** | Ntazo |
| **Ibyangombwa bisabwa n'amategeko** | Ntabyo |

## 2. GUSABA URUHUSHYA RWO KWAMBUKA UMUPAKA(JETTON)

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?** | Abaturage bo mu Mirenge ikurikira: Nyamyumba, Rugerero, Gisenyi, Rubavu, Cyanzarwe na Bugeshi nibo bonyine bemerewe guhabwa Uruhushya rwo kwambuka umupaka. Iki ni Icyangombwa cy’inzira cy’agateganyo kigira agaciro k’umunsi umwe. |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva ku wa mbere kugeza ku cyumweru, guhera saa moya za mugitondo kugeza saa sita z’amanywa. |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Uruhushya rwo gutambuka rutangwa ako kanya. |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Iyi serivisi ntiyishyurwa |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | Indangamuntu |
| **Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?** | Iyo ukeneye uruhushya rwo kwambuka umupaka, wegera Ibiro bishinzwe Abinjira biri ku mupaka ugasaba uruhushya rwo gutambuka.<br>• Kwerekana Indangamuntu.<br>• Umukozi ubishinzwe ahita agushyikiriza icyangombwa cyanditswe uwo munsi, gisinywe uwo munsi kandi giteyeho kashi. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Ntazo |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Nta buryo bwo kurenganurwa buteganyijwe. |
| **Hari ibindi by’ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Uruhushya rwo kwambuka umupaka rukoreshwa umunsi ku munsi n’abaturage baturiye umupaka mu mirimo yabo ibasaba kwambuka umupaka. |
| **Impapuro zuzuzwa** | Ntazo |
| **Ibyangombwa bisabwa n’amategeko** | Ntabyo |

## 3. GUSABA URWANDIKO RW'INZIRA RUSIMBURA URW'ABAJYA MU MAHANGA KU BANA B'IMFUBYI BAFITE MUNSI Y'IMYAKA 16

<table>
<tr><td>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</td><td>Abana bashaka kujya mu mahanga bagomba kuba bafite urwandiko rw'inzira rusimbura urw'abajya mu mahanga. Uru rwandiko rugira agaciro k'umwaka umwe kandi rukoreshwa gusa kujya mu Burundi, Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, Kenya, Tanzaniya na Uganda.</td></tr>
<tr><td>Serivisi itangwa ryari?</td><td>Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, guhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za ni mugoroba.</td></tr>
<tr><td>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</td><td>Hagati y'umunsi umwe n'iminsi ibiri. Iyo hari impamvu izwi kandi yihutirwa, icyo cyangombwa gitangwa uwo munsi.</td></tr>
<tr><td>Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?</td><td>Amafaranga ibihumbi bitatu (3000 Rwf). Usibye amafaranga y'icyangombwa, hari andi mafaranga 1200 atangirwa ku Kagari.</td></tr>
<tr><td>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?</td><td><ul><li>Amafoto abiri magufi y'ibara</li><li>Inyemezabwishyu y'amafaranga 1,200 frw yishyurwa ku Kagari</li><li>Icyemezo kigaragaza ko umwana arerwa mu buryo bwemewe n'amategeko</li><li>Inyemezabwishyu y'amafaranga 3,000 Rwf yishyurwa ku Kigo cya Leta gishinzwe imisoro</li><li>Kopi z'Indangamuntu z'ababyeyi barera umwana kubw'amategeko(umugore n'umugabo)</li><li>Kopi y'icyemezo cy'amavuko cy'umwana</li><li>Ibaruwa isaba ivuye mu Kagari isinyweho n'ababyeyi bombi</li><li>Ifishi yabugenewe itangwa n'Ikigo cy'Abinjira isinyweho n'ababyeyi barera umwana.</li></ul></td></tr>
<tr><td>Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?</td><td>Gusaba uruhushya rw'inzira rusimbura urw'abajya mu mahanga ku mwana w'impfubyi uri munsi y'imyaka 16:<ul><li>Kujya ku Biro by'Akagari, umwana n'ababyeyi bamwakiriye. Kwitwaza kopi z'Indangamuntu z'ababyeyi bakiriye umwana n'icyemezo cy'amavuko cy'umwana biherekejwe n'amafoto abiri magufi y'ibara.</li><li>Kwishyura ku Kagari amafaranga 1200 ugahabwa ifishi yujujwe kandi isinyweho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari</li><li>Kujya kwishyura kuri Banki (ECOBANK, Banki y'Abaturage) amafaranga ibihumbi bitatu (3000) ukajyana urupapuro wishyuriyeho ku Biro by'Ikigo gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro bakaguha inyemezabwishyu yemewe.</li><li>Kujyana ibyangombwa byose byavuzwe haruguru ku Biro bishinzwe Abinjira mu Karere.</li><li>Umukozi w'Ibiro bishinzwe Abinjira agenzura ibyangombwa yasanga byuzuye agatanga Ifishi yabugenewe yo kuzuza igaragaza umwirondoro w'umwana. Ababyeyi barera umwana bandika izina rye ahagenewe gusinywa mbere yo Gusaba iyo fishi.</li><li>Ibyangombwa byose bishyirwa hamwe ugahabwa gahunda yo kugaruka umunsi ukurikiyeho gutwara uruhushya rw'inzira rw'umwana.</li></ul></td></tr>
<tr><td>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</td><td>Akagari n'Umurenge</td></tr>
<tr><td>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</td><td>Ibibazo bishobora gushyikirizwa Umuyobozi w'Ibiro by'Abinjira ku Rwego rw'Intara.</td></tr>
<tr><td>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</td><td>Ntabyo</td></tr>
<tr><td>Impapuro zuzuzwa</td><td>Ntazo</td></tr>
<tr><td>Ibyangombwa bisabwa n'amategeko</td><td>Ntabyo</td></tr>
</table>

## 4. GUSABA URWANDIKO RUSIMBURA URW'ABAJYA MU MAHANGA

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?** | Iki ni Icyangombwa cy'inzira gihabwa Abanyarwanda bose bifuza kujya mu Bihugu bya Burundi, Repubulika Iharanira demokarasi ya Kongo, Kenya, Tanzaniya na Uganda. Kimara umwaka umwe |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu guhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba. Amasaha y'akazi ashobora kongerwa mu gihe bibaye ngombwa. |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Umunsi umwe (1) nyuma yo Gusaba ibyangombwa byose bisabwa mu Biro bishinzwe Abinjira. |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Amafaranga ibihumbi bitatu (3000 Rwf).<br>Usibye aya mafaranga, usaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga asabwa no kwishyura amafaranga mu Kagari:<br>• 1200 Rwf yo gusaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga,<br>• Amafaranga y'Uburezi n'aya FARG ari hagati ya 100 Rwf na 5000 Rwf bitewe n'icyemezo cy'Inama Njyanama y'Umurenge. |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | • Amafoto abiri magufi y'ibara<br>• Inyemezabwishyu y'amafaranga 3,000 rwf itangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro yanditseho amazina y'usaba Icyangombwa<br>• Uruhushya rwo kujya mu mahanga rusinyweho n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Umurenge n'Akagari, Umukuru w'Umudugudu n'abandi bayobozi babiri bo mu Mudugudu<br>• Inyemezabwishyu y'amafaranga 1,200 n'ay'Uburezi na FARG<br>• Kopi y'Indangamuntu y'usaba uruhushya<br>• Ifishi yabugenewe yujuje igaragaza umwirondoro w'uwasabye uruhushya<br>• Ibaruwa isaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga ishobora kuba yandikiwe Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Abinjira n'Abasohoka. |
| **Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?** | • Gusaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga bitangirira ku Kagari ugahabwa Ifishi yo kuzuza yabugenewe<br>• Kuzuza Ifishi neza ukayisinyisha ku Bayobozi batatu cg babiri b'Umudugudu n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari<br>• Kujyana iyo fishi ku Murenge witwaje amafoto abiri magufi y'ibara<br>• Kwishyura Ku Murenge amafaranga 1,200 Rwf y'Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga hamwe n'ay'Uburezi na FARG<br>• Ku Murenge basigarana ya Fishi yavuye mu Kagari bakayishyiraho ifoto imwe hanyuma bakakuzuriza indi fishi bashyiraho ifoto isigaye. Impapuro zose wishyuriyeho nazo bazomeka kuri iyo fishi<br>• Kwishyura amafaranga 3,000 RwF kuri Banki ukajyana urupapuro wishyuriyeho ku Biro by'Ikigo gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro bakaguha inyemezabwishyu yemewe<br>• Gutwara ibyo byangombwa byose ku Biro bishinzwe Abinjira<br>• Nyuma yo kugenzura ko ibyangombwa byose byuzuye, umukozi |

| | |
|---|---|
| | w'Ibiro by'Abinjira aguha Ifishi yabugenewe ukayuzuza, ukayisinya, ukayimusubiza<br>• Ibyangombwa byose bishyirwa hamwe ugahabwa gahunda yo kugaruka ku munsi ukurikiyeho gufata Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga ku Biro bishinzwe Abinjira. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Akagari n'Umurenge |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Ibibazo bishobora gushyikirizwa Umuyobozi ushinzwe Abinjira ku Rwego rw'Intara. |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Ku bantu bataye Indangamuntu zabo cyangwa se amazina yabo yanditse nabi, basabwa kwerekana Icyangombwa gisimbura Indangamuntu gitangwa n'Umurenge kitarengeje amezi atatu gitanzwe. |
| **Impapuro zuzuzwa** | Ntazo |
| **Ibyangombwa bisabwa n'amategeko** | Ntabyo |

## 5. GUSABA URWANDIKO RUSIMBURA URW'ABAJYA MU MAHANGA KU BANA BARI MUNSI Y'IMYAKA 16 BAFITE UMUBYEYI UMWE (SE)

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?** | Abana bashaka kujya hanze y'Igihugu bagomba kugira Icyangombwa cy'inzira. Icyangombwa cy'inzira gifite agaciro k'umwaka umwe gikoreshwa mu Bihugu bihana imbibi n'u Rwanda no muri Kenya. |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, guhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Umunsi umwe |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Amafaranga ibihumbi bitatu (3000 Rwf). Usibye aya mafaranga, usaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga asabwa no kwishyura amafaranga mu Kagari: 1200 Rwf yo gusaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga n'amafaranga y'Uburezi n'aya FARG |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | • Amafoto abiri magufi y'ibara<br>• Inyemezabwishyu y'amafaranga y'Icyangombwa itangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro yanditseho amazina y'usaba Icyangombwa<br>• Inyemezabwishyu yishyuriweho amafaranga mu Murenge<br>• Kopi y'Indangamuntu ya se w'umwana<br>• Kopi y'icyemezo cy'amavuko cy'umwana<br>• Ifishi itangwa n'Ibiro bishinzwe Abinjira igaragaza umwirondoro w'umwana kandi igasinywa na se<br>• Ibaruwa isaba urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga isinywe na se<br>• Iyo nyina w'umwana yapfuye, kwerekana icyemezo kibyemeza<br>• Iyo nyina w'umwana aba ahantu hatazwi, kwerekana icyemezo gitangwa n'Umurenge kigaragaza ko se aba wenyine. |
| **Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?** | Gusaba uruhushya rw'inzira ku mwana uri munsi y'imyaka 16 ufite se gusa bikorwa ku buryo bukurikira:<br>• Kujya ku Biro by'Umurenge gusabira umwana icyangombwa. Kwitwaza kopi y'Indangamuntu ya se n'icyemezo cy'amavuko cy'umwana biherekejwe n'amafoto abiri magufi y'ibara. Kwishyura amafaranga 1200 ugahabwa ifishi yujujwe kandi isinyweho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa<br>• Kujya kwishyura kuri Banki amafaranga ibihumbi bitatu (3000) ukajyana urupapuro wishyuriyeho ku Biro by'Ikigo gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro kikaguha inyemezabwishyu yemewe<br>• Kujyana ibyangombwa byose byavuzwe haruguru ku Biro bishinzwe Abinjira mu Karere biherekejwe n'ibaruwa isabira umwana urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga kandi isinywe na se.<br>• Umukozi w'Ibiro bishinzwe Abinjira agenzura ibyangombwa yasanga byuzuye agatanga Ifishi yabugenewe yo kuzuza igaragaza umwirondoro w'umwana igasinywa na se.<br>• Ibyangombwa byose bishyirwa hamwe ugahabwa gahunda yo kugaruka umunsi ukurikiyeho gutwara uruhushya rw'inzira rw'umwana. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Umurenge |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Ibibazo bishobora gushyikirizwa Umuyobozi ushinzwe Abinjira ku Rwego rw'Intara. |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Gusaba ibyangombwa by'inzira ku bana bafite munsi y'imyaka 16 biritonderwa cyane bigasaba ibyangombwa bitandukanye mu rwego rwo kwirinda igurishwa ry'abana cyangwa ibindi byaha byose bakorerwa muri icyo gihe cyo kubambutsa imipaka. |
| **Impapuro zuzuzwa** | Ntazo |
| **Ibyangombwa bisabwa n'amategeko** | Ntabyo |

## 6. GUSABA URWANDIKO RUSIMBURA URW'ABAJYA MU MAHANGA KU BANA BARI MUNSI Y'IMYAKA 16 BAFITE UMUBYEYI UMWE (NYINA)

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe ? Nujuje ibisabwa ?** | Abana bashaka kujya hanze y'Igihugu bagomba kugira Icyangombwa cy'inzira. Icyangombwa cy'inzira gifite agaciro k'umwaka umwe gikoreshwa mu Bihugu bihana imbibi n'u Rwanda no muri Kenya. |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, guhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Umunsi umwe |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Amafaranga ibihumbi bitatu (3000 Rwf). Usibye aya mafaranga, usaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga asabwa no kwishyura amafaranga mu Kagari: 1200 Rwf yo gusaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga n'amafaranga y'Uburezi n'aya FARG. |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | • Amafoto abiri magufi y'ibara<br>• Urupapuro rwishyuriweho amafaranga y'Icyangombwa rutangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro rwanditseho amazina y'usaba Icyangombwa<br>• Urupapuro rwishyuriweho amafaranga mu Murenge<br>• Kopi y'Indangamuntu ya nyina w'umwana<br>• Kopi y'icyemezo cy'amavuko cy'umwana<br>• Ifishi itangwa n'Ibiro bishinzwe Abinjira igaragaza umwirondoro w'umwana kandi igasinywa na nyina<br>• Ibaruwa isaba urwandiko rw'inzira rw'abajya mu mahanga isinywe na nyina<br>• Iyo se w'umwana yapfuye, kwerekana icyemezo kibyemeza<br>• Iyo se aba ahantu hatazwi, kwerekana icyemezo gitangwa n'Umurenge kigaragaza ko nyina aba wenyine. |
| **Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?** | Gusaba uruhushya rw'inzira ku mwana uri munsi y'imyaka 16 ufite nyina gusa bikorwa ku buryo bukurikira:<br>• Kujya ku Biro by'Umurenge gusabira umwana icyangombwa. Kwitwaza kopi y'Indangamuntu ya nyina n'icyemezo cy'amavuko cy'umwana biherekejwe n'amafoto abiri magufi y'ibara.<br>• Kwishyura amafaranga 1200 ugahabwa ifishi yujujwe kandi isinyweho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa<br>• Kujya kwishyura kuri Banki amafaranga ibihumbi bitatu (3000) ukajyana urupapuro wishyuriyeho ku Biro by'Ikigo gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro bakaguha inyemezabwishyu.<br>• Kujyana ibyangombwa byose byavuzwe haruguru ku Biro bishinzwe Abinjira mu Karere biherekejwe n'ibaruwa isabira umwana icyangombwa cy'inzira kandi isinywe na nyina.<br>• Umukozi w'Ibiro bishinzwe Abinjira agenzura ibyangombwa yasanga byuzuye agatanga Ifishi yabugenewe yo kuzuza igaragaza umwirondoro w'umwana igasinywa na nyina.<br>• Ibyangombwa byose bishyirwa hamwe ugahabwa gahunda yo kugaruka umunsi ukurikiyeho gutwara uruhushya rw'inzira rw'umwana. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Akagari n'Umurenge |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Ibibazo bishobora gushyikirizwa Umuyobozi ushinzwe Abinjira ku Rwego rw'Intara. |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Ntabyo |
| **Impapuro zuzuzwa** | Ntazo |
| **Ibyangombwa bisabwa n'amategeko** | Ntabyo |

## 7. GUSABA URWANDIKO RUSIMBURA URW'ABAJYA MU MAHANGA KU BANA BAFITE MUNSI Y'IMYAKA 16 BAFITE ABABYEYI BOMBI

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe ? Nujuje ibisabwa ?** | Abana bashaka kujya hanze y'Igihugu bagomba kugira urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga. Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga rufite agaciro k'umwaka umwe kandi rukoreshwa mu Bihugu bihana imbibi n'u Rwanda no muri Kenya. |
| **Serivisi itangirwa mu rihe shami ry'Ubuyobozi?** | Ibiro bishinzwe Abinjira mu Karere |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu guhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Hagati y'umunsi umwe n'iminsi ibiri, ariko kubera impamvu zihutirwa kandi zumvikana, Icyemezo gishobora gutangwa uwo munsi. |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Amafaranga ibihumbi bitatu (3000 Rwf). Usibye aya mafaranga, usaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga asabwa no kwishyura amafaranga mu Kagari: 1200 Rwf yo gusaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga n'amafaranga y'Uburezi n'aya FARG. |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | • Amafoto abiri magufi y'ibara<br>• Inyemezabwishyu y'amafaranga 3000 itangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro yanditseho amazina y'usaba Icyangombwa<br>• Inyemezabwishyu yishyuriweho amafaranga mu Murenge<br>• Kopi z'Indangamuntu z'ababyeyi<br>• Kopi y'icyemezo cy'amavuko cy'umwana<br>• Ifishi itangwa n'Ibiro bishinzwe Abinjira igaragaza umwirondoro w'umwana kandi igasinywa n'ababyeyi b'umwana<br>• Ibaruwa isaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga isinywe n'ababyeyi bombi. |
| **Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?** | Gusaba urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga ku mwana uri munsi y'imyaka 16 ufite ababyeyi bombi bikorwa ku buryo bukurikira:<br>• Kujya ku Biro by'Umurenge gusabira umwana icyangombwa. Kwitwaza kopi z'Indangamuntu z'ababyeyi bombi n'icyemezo cy'amavuko cy'umwana biherekejwe n'amafoto abiri magufi y'ibara.<br>• Kwishyura amafaranga 1200 ugahabwa ifishi yujujwe kandi isinyweho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa<br>• Kujya kwishyura kuri Banki amafaranga ibihumbi bitatu (3000) ukajyana urupapuro wishyuriyeho ku Biro by'Ikigo gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro bakaguha inyemezabwishyu yemewe.<br>• Kujyana ibyangombwa byose byavuzwe haruguru ku Biro bishinzwe Abinjira mu Karere biherekejwe n'ibaruwa isabira umwana urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga kandi isinyweho n'ababyeyi bombi.<br>• Umukozi w'Ibiro bishinzwe Abinjira agenzura ibyangombwa yasanga byuzuye agatanga Ifishi yabugenewe yo kuzuza igaragaza umwirondoro w'umwana igasinywaho n'ababyeyi bombi.<br>• Ibyangombwa byose bishyirwa hamwe ugahabwa gahunda yo kugaruka umunsi ukurikiyeho gutwara urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga rw'umwana. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Akagari n'Umurenge |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Ibibazo bishobora gushyikirizwa Umuyobozi ushinzwe Abinjira ku Rwego rw'Intara. |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Ntabyo |
| **Impapuro zuzuzwa** | Ntazo |
| **Ibyangombwa bisabwa n'amategeko** | Ntabyo |

## 8. GUSABA URWANDIKO RUSIMBURA URW'ABAJYA MU MAHANGA KU BANA BAFITE MUNSI Y'IMYAKA 16 BAKOMOKA KU BABYEYI BATASHYINGIRANYWE

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe ? Nujuje ibisabwa ?** | Abana bashaka kujya hanze y'Igihugu bagomba kugira urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga. Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga rugira agaciro k'umwaka umwe kandi rugakoreshwa mu Bihugu bihana imbibi n'u Rwanda no muri Kenya. |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, guhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Hagati y'umunsi umwe n'iminsi ibiri, ariko kubera impamvu zihutirwa kandi zumvikana, Icyemezo gishobora gutangwa uwo munsi. |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Amafaranga ibihumbi bitatu (3000 Rwf). Usibye aya mafaranga, usaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga asabwa no kwishyura amafaranga mu Kagari: 1200 Rwf yo gusaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga n'amafaranga y'Uburezi n'aya FARG. |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | • Amafoto abiri magufi y'ibara<br>• Inyemezabwishyu yishyuriweho amafaranga 1200 mu Murenge<br>• Inyemezabwishyu yishyuriweho amafaranga 3000 y'Icyangombwa rutangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro rwanditseho amazina y'usaba Icyangombwa<br>• Kopi y'Indangamuntu ya nyina w'umwana<br>• Kopi y'icyemezo cy'amavuko cy'umwana<br>• Icyemezo kigaragaza ko nyina w'umwana atigeze ashyingirwa<br>• Ifishi itangwa n'Ibiro bishinzwe Abinjira igaragaza umwirondoro w'umwana kandi igasinywaho n'ababyeyi bombi<br>• Ibaruwa isaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga isinyweho n'ababyeyi bombi. |
| **Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?** | Gusabira urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga umwana uri munsi y'imyaka 16 ufite ababyeyi batashyingiranywe bikorwa mu buryo bukurikira:<br>• Kujya ku Biro by'Umurenge gusabira umwana urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga ukishyura amafranga 1200.<br>• Nyina w'umwana yandika ibaruwa isabira umwana urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga, ariko rugashyuirwahi umukono n'ababyeyi bombi.<br>• Kujya kwishyura ku Biro by'Ikigo gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro cyangwa se kuri Banki ukishyura amafaranga ibihumbi bitatu (3000). Iyo wishyuriye kuri Banki ujyana urupapuro wishyuriyeho ku Biro by'Ikigo gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro bakaguha inyemezabwishyu yemewe.<br>• Komeka ku ibaruwa isaba ibyangombwa byose byavuzwe haruguru<br>• Kujyana umwana n'ababyeyi bombi ku Biro bishinzwe Abinjira mu Karere biherekejwe n'ibaruwa gusabira umwana urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga.<br>• Umukozi w'Ibiro bishinzwe Abinjira agenzura ibyangombwa yasanga byuzuye agatanga Ifishi yabugenewe yo kuzuza igaragaza umwirondoro w'umwana igasinywa n'ababyeyi bombi.<br>• Ibyangombwa byose bishyirwa hamwe ugahabwa gahunda yo kugaruka umunsi ukurikiyeho gutwara uruhushya rw'inzira rw'umwana. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Ibiro by'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro (RRA). |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Ibibazo bishobora gushyikirizwa Umuyobozi ushinzwe Abinjira ku Rwego rw'Intara. |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Ntabyo |
| **Impapuro zuzuzwa** | Ntazo |
| **Ibyangombwa bisabwa n'amategeko** | Ntabyo |

## 9. GUSABA URWANDIKO RUSIMBURA URW'ABAJYA MU MAHANGA KU BANA BAFITE MUNSI Y'IMYAKA 16 BAFITE ABABYEYI BABA HANZE Y'U RWANDA

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe ? Nujuje ibisabwa ?** | Abana bashaka kujya hanze y'Igihugu bagomba kugira urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga. Urwo rwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga rugira agaciro k'umwaka umwe rugakoreshwa mu Bihugu bihana imbibi n'u Rwanda no muri Kenya. |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, guhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe ?** | Hagati y'umunsi umwe n'iminsi ibiri, ariko kubera impamvu zihutirwa kandi zumvikana, Icyemezo gishobora gutangwa uwo munsi. |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Amafaranga ibihumbi bitatu (3000 Rwf). Usibye aya mafaranga, usaba urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga asabwa no kwishyura amafaranga mu Kagari: 1200 Rwf yo gusaba urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga n'amafaranga y'Uburezi n'aya FARG. |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | • Amafoto abiri magufi y'ibara<br>• Urupapuro rwishyuriweho amafaranga y'Icyangombwa rutangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro rwanditseho amazina y'usaba Icyangombwa<br>• Urupapuro rwishyuriweho amafaranga mu Murenge<br>• Kopi y'Indangamuntu z'ababyeyi bombi<br>• Kopi y'icyemezo cy'amavuko cy'umwana<br>• Ifishi itangwa n'Ibiro bishinzwe Abinjira igaragaza umwirondoro w'umwana kandi igasinywaho n'ababyeyi bombi<br>• Ibaruwa isaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga isinyweho n'ababyeyi bombi<br>• Ibaruwa y'uhagarariye u Rwanda mu Gihugu cy'amahanga yemeza ababyeyi b'umwana. |
| **Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?** | Ababyeyi b'umwana baba hanze bagomba guha uburenganzira umuntu ubana n'umwana mu Rwanda kugira ngo amusabire urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga.<br>• Umuntu ubana n'umwana mu Rwanda asaba ababyeyi kwandika ibaruwa isabira umwana urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga kandi bakayisinyaho bombi igaherekezwa na kopi z'ibiranga ababyeyi, ifishi yabugenewe yujuje neza kandi isinyweho n'ababyeyi bombi n'ibaruwa yanditswe n'uhagarariye u Rwanda mu Gihugu ababyeyi babamo (cyangwa yanditswe ikanasinywa na Noteri wa Leta muri icyo Gihugu).<br>• Kujya ku Biro by'Umurenge gusaba Urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga y'umwana ukahishyurira amafaranga 1,200 Rwf<br>• Kujya na none kuri Banki ukishyura amafaranga 3,000 Rwf y' urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga ukajyana urupapuro wishyuriyeho ku Biro by'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro bakaguha inyemezabwishyu yemewe<br>• Gushyikiriza umukozi w'Ibiro bishinzwe Abinjira ibyangombwa byose biherekejwe inyemezabwishyu yatanzwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro<br>• Umukozi ubishinzwe agenzura ko ibyangombwa byose byuzuye akabishyira hamwe hanyuma akaguha gahunda yo kugaruka ku munsi ukurikiyeho gutwara urwandiko rusimbura urw'abajya mu mahanga. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Umurenge n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Ibibazo bishobora gushyikirizwa Umuyobozi ushinzwe Abinjira ku Rwego rw'Intara. |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | |
| **Impapuro zuzuzwa** | Ntazo |
| **Ibyangombwa bisabwa n'amategeko** | Ntabyo |

## 10. GUSABA URWANDIKO RW'ABAJYA MU MAHANGA

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe ? Nujuje ibisabwa ?** | Urwandiko rw'abajya mu mahanga ni Icyangombwa cy'inzira gikoreshwa mu ngendo zijya mu Mahanga. Ushobora gusabira Urwandiko rw'abajya mu mahanga ku Biro ibyo aribyo byose byo mu Karere bishinzwe Abinjira cyangwa ku cyicaro gikuru i Kigali. Urwandiko rw'abajya mu mahanga rugira agaciro k'imyaka itanu. |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, guhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba. Amasaha y'akazi ashobora kongerwa igihe cyose bibaye ngombwa. |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe ?** | Iminsi icumi (10), cyakora kubera impamvu zizwi kandi zihutirwa cyane cyane ku banyeshura bajya kwiga hanze cyangwa abarwayi bajya kwivuriza hanze, urwandiko rw'abajya mu mahanga bashobora kurubona mu minsi itanu (5) cyangwa munsi yayo. |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Ikiguzi cy'urwandiko rw'abajya mu mahanga gihwanye n'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000 Rwf). Usibye aya mafaranga, usaba Urwandiko rw'abajya mu mahanga asabwa no kwishyura amafaranga mu Kagari: 1200 Rwf yo gusaba Urwandiko rw'abajya mu mahanga, amafaranga y'Uburezi n'aya FARG ari hagati ya 100 Rwf na 5000 Rwf bitewe n'icyemezo cy'Inama Njyanama y'Umurenge |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | Ibyangombwa bikurikira nibyo bisabwa kugira ngo umuntu ahabwe Urwandiko rw'abajya mu mahanga:<br>• Ifoto ngufi y'ibara ifite imbere h'umweru<br>• Inyemezabwishyu y'amafaranga 50,000 Rwf itangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwakira Imisoro n'Amahoro yanditseho amazina y'usaba Urwandiko rw'abajya mu mahanga<br>• Icyemezo gitangwa n'Akagari<br>• Impapuro zishyuriweho amafaranga mu Kagari<br>• Kopi y'Indangamuntu y'usaba Urwandiko rw'abajya mu mahanga<br>• Ibaruwa isaba urwandiko rw'abajya mu mahanga yandikiwe Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu<br>• Ifishi yabugenewe yujuje neza kandi isinye. |
| **Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?** | • Gusaba urwandiko rw'abajya mu mahanga bitangirira mu Kagari aho baguha ifishi yo kuzuza isaba Urwandiko rw'abajya mu mahanga<br>• Kuzuza neza iyo fishi igasinywaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari<br>• Kwishyura ku Kagari amafaranga 1,200 Rwf n'amafaranga y'Uburezi ndetse n'aya FARG<br>• Kwishyura amafaranga 50,000 Rwf ya Urwandiko rw'abajya mu mahanga mu Kigo gishinzwe kwakira Imisoro n'Amahoro<br>• Ibyo byangombwa byose bishyikirizwa umukozi w'Ibiro byo mu Karere bishinzwe Abinjira akagenzura ko byuzuye<br>• Iyo ibyangombwa byuzuye uhabwa ifishi yabugenewe yo gusaba Urwandiko rw'abajya mu mahanga, ukayuzuza neza kandi ukasinyaho mbere yo kuyitanga<br>• Ibyo byangombwa byose bishyirwa hamwe ugahabwa gahunda yo kugaruka nyuma y'iminsi icumi (10) gutwara Urwandiko rw'abajya mu mahanga. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Akagari, Banki n'Ibiro by'Ikigo gishinzwe kwakira Imisoro n'Amahoro |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Ibibazo bishobora gushyikirizwa Umuyobozi ushinzwe Abinjira ku rwego rw'Intara |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Ntabyo |
| **Impapuro zuzuzwa** | Ntazo |
| **Ibyangombwa bisabwa n'amategeko** | Ntabyo |

## 11. GUSABA URWANDIKO RW'ABAJYA MU MAHANGA KU MWANA W'IMFUBYI YIRERA URI MUNSI Y'IMYAKA 16

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe ? Nujuje ibisabwa ?** | Abana bashaka kujya mu Bihugu by'Amahanga bagomba kuba bafite Urwandiko rw'abajya mu mahanga. Iki ni Icyangombwa cy'inzira gikoreshwa mu ngendo zijya mu Mahanga, gishobora gusabirwa ku Biro ibyo aribyo byose byo mu Karere bishinzwe Abinjira cyangwa ku Cyicaro Gikuru i Kigali. Urwandiko rw'abajya mu mahanga rugira agaciro k'imyaka itanu. |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, guhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba. |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Iminsi icumi (10), cyakora kubera impamvu zizwi kandi zihutirwa cyane cyane ku banyeshura bajya kwiga hanze cyangwa abarwayi bajya kwivuriza hanze, urwandiko rw'abajya mu mahanga bashobora kurubona mu minsi itanu (5) cyangwa munsi yayo. |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Ikiguzi cy'urwandiko rw'abajya mu mahanga gihwanye n'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000 Rwf). Usibye aya mafaranga, usaba urwandiko rw'abajya mu mahanga asabwa no kwishyura amafaranga 1200 Rwf mu Kagari yo gusaba urwandiko rw'abajya mu mahanga ku bana gusa. |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | Ibyangombwa bikurikira nibyo bisabwa kugira ngo umuntu ahabwe urwandiko rw'abajya mu mahanga:<br>• Ifoto ngufi y'ibara ifite imbere h'umweru<br>• Inyemezabwishyu y'amafaranga 50,000 Rwf itangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwakira Imisoro n'Amahoro yanditseho amazina y'usaba urwandiko rw'abajya mu mahanga<br>• Icyemezo gitangwa n'Akagari<br>• Icyemezo cy'amavuko cy'umwana<br>• Impapuro zishyuriweho amafaranga mu Kagari<br>• Icyemezo kigaragaza ko umwana ari imfubyi yirera<br>• Ibaruwa isaba urwandiko rw'abajya mu mahanga yandikiwe Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu<br>• Ifishi yabugenewe yujuje neza kandi isinyweho n'umwana. |
| **Binyura mu zihe nzira kugira ngo uyihabwe?** | Gusaba urwandiko rw'abajya mu mahanga ku mpfubyi iri munsi y'imyaka 16 bikorwa k'uburyo bukurikira:<br>• Kujya ku Kagari aho baguha ifishi yo kuzuza isaba Urwandiko rw'abajya mu mahanga<br>• Gusaba ku Kagari icyemezo cy'uko uri impfubyi yibana<br>• Kwishyura amafranga 1200(Frw) yo gusaba urwandiko rw'abajya mu mahanga no kuzuza neza ifishi yabugenewe igasinywaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari<br>• Kwishyura amafaranga 50,000 Rwf ya Urwandiko rw'abajya mu mahanga mu Kigo gishinzwe kwakira Imisoro n'Amahoro<br>• Ibyo byangombwa byose biherekejwe n'icyemezo cy'amavuko cy'umwana ndetse n'icyemezo cyemeza ko umwana ari imfubyi yirera bishyikirizwa umukozi w'Ibiro byo mu Karere bishinzwe Abinjira akagenzura ko byuzuye<br>• Iyo ibyangombwa byuzuye uhabwa ifishi yabugenewe yo gusaba Urwandiko rw'abajya mu mahanga, ukayuzuza neza kandi ukayisinyaho mbere yo kuyitanga<br>• Ibyo byangombwa byose bishyirwa hamwe ugahabwa gahunda yo kugaruka nyuma y'iminsi icumi (10) gutwara Urwandiko rw'abajya mu mahanga. |
| **Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)** | Ikigo gishinzwe kwakira Imisoro n'Amahoro, Ibiro bikuru bishinzwe abinjira n'abasohoka |
| **Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?** | Ibibazo bishobora gushyikirizwa Umuyobozi ushinzwe Abinjira ku rwego rw'Intara |
| **Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?** | Gusaba ibyangombwa by'inzira ku bana bafite munsi y'imyaka 16 biritonderwa cyane bigasaba ibyangombwa bitandukanye mu rwego rwo kwirinda igurishwa ry'abana cyangwa ibindi byaha byose bakorerwa muri icyo gihe cyo kubambutsa imipaka. |
| **Impapuro zuzuzwa** | Ntazo |
| **Ibyangombwa bisabwa n'amategeko** | Ntabyo |

## 12. GUSABA URWANDIKO RW'ABAJYA MU MAHANGA KU BANA BARI MUNSI Y'IMYAKA 16 BAFITE ABABYEYI BATASHYINGIRANYWE

| | |
|---|---|
| **Serivisi ni iyihe ? Nujuje ibisabwa ?** | Abana bashaka kujya mu Bihugu by'Amahanga bagomba kuba bafite Urwandiko rw'abajya mu mahanga. Iki ni Icyangombwa cy'inzira gikoreshwa mu ngendo zijya mu Mahanga, gishobora gusabirwa ku Biro ibyo aribyo byose byo mu Karere bishinzwe Abinjira cyangwa ku cyicaro gikuru i Kigali. Urwandiko rw'abajya mu mahanga rugira agaciro k'imyaka itanu. |
| **Serivisi itangwa ryari?** | Kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu, guhera saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba. |
| **Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?** | Iminsi icumi (10), cyakora kubera impamvu zizwi kandi zihutirwa cyane cyane ku banyeshura bajya kwiga hanze cyangwa abarwayi bajya kwivuriza hanze, urwandiko rw'abajya mu mahanga bashobora kuyibona mu minsi itanu (5) cyangwa munsi yayo. |
| **Niba serivisi yishyurwa, igiciro ni ikihe?** | Ikiguzi cy'urwandiko rw'abajya mu mahanga gihwanye n'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000 Rwf). Usibye aya mafaranga, usaba Urwandiko rw'abajya mu mahanga asabwa no kwishyura amafaranga 1200 Rwf mu Kagari yo gusaba Urwandiko rw'abajya mu mahanga ku bana gusa. |
| **Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?** | Ibyangombwa bikurikira nibyo bisabwa kugira ngo umuntu ahabwe Urwandiko rw'abajya mu mahanga:<br>• Ifoto ngufi y'ibara ifite imbere h'umweru<br>• Inyemezabwishyu y'amafaranga 50,000 Rwf itangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwakira Imisoro n'Amahoro yanditseho amazina y'usaba Urwandiko rw'abajya mu mahanga<br>• Inyemezabwishyu y'amafaranga 1200 Rwf yishyuwe ku Kagari<br>• Icyemezo cy'amavuko cy'umwana<br>• Icyemezo kigaragaza ko nyina w'umwana atigeze ashyingirwa<br>• Kopi y'indangamuntu ya nyina w'umwana<br>• Ibaruwa isaba urwandiko rw'abajya mu mahanga yandikiwe Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Gihugu igasinywaho n'ababyeyi bombi<br>• Ifishi yabugenewe yujuje neza kandi isinyweho n'ababyeyi b'umwana. |
